Ihame ryo kwiyobora mu Kwihangana

"Kwitonda ukarindira byemeza umutware, kandi ururimi rworoheje ruvuna igufa." Imigani 25:15

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku ijambo rikuru wabonye muri iri hame.

Abayobozi beza barihangana. Muri iki gihe cy'ibyo kurya byohuse, ibisubizo byihuse, ndetse na makuru yihuse, twibagiwe agaciro ko—kwihangana. Ntabwo ari ijambo rifite ubwinshi gusa, ahubwo ni ijambo rifite ireme. Ntabwo ari ijambo ryerekana gusubika cyangwa ubunebwe; ahubwo ni ugutegereza igihe nyacyo no gukorera mu gihe nyacyo. Niba twifuza ibigori tugomba kurindira igihe cy'ihinga kigagera; maze kandi tugomba gutegereza igihe cy' isarura cyikaza. Nicyo kimwe rero hari ibibazo utapfa gukemura ako kanya. Rimwe na rimwe ugomba kubyihorera bigakura. Udategereje igihe gikwiye, ushobora kongera uburemere bw'ikibazo. Abayobozi binzobere bashobora kumenya ibihe bagezemo haba mu buzima bwabo ndetse no ku murimo, maze bagaha urubuga impinduka zikaba. Bazi yuko impinduka ari urugendo, bityo bakitoza kwihangana mu gihe baba bategereje. Bazi kandi ko iyo hatabaye kwihangana bashobora guhatiriza ibitari ngombwa bigateza igihombo.

Ni ngezi rero yuko tumenya impumeko ya bakozi cyangwa ikipe mbere yuko dukosora amafuti. Hari igihe cyiza n'igihe kibi cyo guhangana n'ikibazo.

Abantu bihangana basarura ibihembo bitatu:

1. Bahembwa nk'abantu bashoboye kwiyobora ubwabo, kuko bagenzura kamere zabo mu bihe bikomeye.

2. Bahemberwa kuba ari abantu bamva abandi, kuko batega ugutwi bagamije kumenya mbere yuko bagira icyo bakora. Ntabwo bajye bishora mu nshingano zibasaba ubwitange buhanitse.

3. Bahemberwa kandu kuba abantu bafite ubushishozi, kuko bahitamo inzira y'amahora mu guhosha intambara z'abandi batanga inama.

Iyo twarakaye , tugomba kurindira (tukihangana) kugeza ubwo dutuje. Tugomba kwibuka umgani wa kera uvuga ngo," iyo umunyeshuli yiteguye, umwalimu nawe arahasesekara." Ibisubizo byihuse bivuye mu mitima ititeguye byongera akavuyo gusa, nuko amaherezo twese tugahomba. Ariko uko umugani ubivuga ngo," wihangane , kuko amaherezo uzatsinda." Mu kwihangana buri wese yatsinda . kwihangana, iyo byitojwe neza, bitanga amahoro n'umutekano ku bantu bose babikoresha.

Twakagombye kwitonda maze tukemera ko bifata umwanya munini kubaka imibereho ya bantu. Ntabwo umwana wiga mu wa kane wa mashuri abanza yakumva amasomo yo muwa munani w'amashuri abanza. Abayobozi beza bamenya igihe cyo gusunika ni gihe cyo gukurura.

Bazirikana ko kandi ubuyobozi ari ukuyobora abantu, gufasha abantu kureba ibyo nabo babona, ndetse no kubigisha uburyo, bagera aho bifuza kubageza. Ibyo twifuza ni uko ibi twigisha byashingira mu kubaka imibereho y'abantu. Tugomba kumenya ko bifata umwanya. Nitugomba kwirengagiza ibibazo, ahubwo tugafata igihe maze tukihangana, dutegereje igihe nyacyo maze duhangane nabyo. Ubusanzwe icira inzira umuntu inyujije igisubizo ku bandi iyo turindiriye kandi tugasenga.

Kwihangana bitegura imitima yacu ndetse nabo dusangiye ikibazo. Rero ubutaha nuba ufite ubwira bwishi cyangwa igitutu, uzafate akanya maze witoze kwihangana. Icyo gihe uzaba ugize ubushishozi kandi uzabishimirwa.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:
Umusingi ku byagezweho

Ibabazo byo kwibazaho:

Kwihangana ni nko kwegeka ipikipiki yawe mu gihe wumva wakabaye uyirukankaho.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	K	G	K	G	G	C			

Completed ☐ Not completed ☐